Amasomero rusange muri Vermont

Isomero rusange n'iki?

Amasomero rusange ni ibyanya byo kwigiramo, kwidagaduriramo, no kwifasha ndetse atanga amahirwe ku bantu bo bigero byose ndetse baturaka hose kugirango bige ndetse bakomeze kwivugurura. Amasomero ubusanzwe atanga imfashanyigisho zakoreshwa n'abazisura, ndetse bagakoresha inyubako n'ibyiza byazo. Abakozi b'isomero baba bahari kugira ngo basubize ibibazo ndetse bafashe abazisura mu gihe bari mw'isomero.

N'iki ubonera mu masomero?

Imfashanyigisho nyinshi zo mw'isomero zatahanwa n'abaterankunga mu gihe runaka, maze bakazigarura mw'isomero nta kiguzi batswe naba nyirazo. Imfashanyigisho zikubiyemo:

- Ibitabo by'abakuru n'abana
- Ibinyamakuru
- Ibikoresho
- Ibitabo biri mu majwi n'imiziki
- Ibinyamateka
- Firime

Amasomero menshi ategurira abayasura ibirori ku buntu. Hariho ibirori by'uburyo bwinshi amasomero ategura:

- Ibirori byigisha by'abakuru n'abana
- Ibirori by'ubugeni
- Ibihe by'inkuru n'ibindi bikorwa
- Ibirori by'umuziki

Amasomero menshi aha ikoranabuhanga abayasura. Ubwoko bw'ikoranabuhanga bukubiyemo:

- Mudasobwa zifite murandasi
- Murandasi y'inziramugozi ku buntu
- Ibitabo biri mu buryo bw'ikorabuhanga
- Mucapyi na sikaneri
- Imfashanyigisho n'amasomo mu buryo bw'iyakure

Amasomero aba afite ibyiza by'ibanze bigenewe abayasura:

- Ibyicaro
- Ubwiherero n'amazi yo kunywa
- Imeza zo gukoreraho imirimo n'imikoro
- Ibyumba by'inama cyangwa ahantu hatuje ho kwigira

Ni gute waba umunyamuryango w'isomero?

Kuba umunyamuryango mw'isomero ni ubuntu niba utuye muri uwo mujyi isomero rihererereyemo. Amasomero menshi azagusaba izina ryawe, aho utuye, ndetse na nomero ya terefoni cyangwa umwirondoro wa imeri. Amasomero amwe azagusaba IRANGAMUNTU. Isomero ntirisangiza abandi amakuru yawe bwite n'uwo ariwe wese keretse bisabwe n'amategeko. Akenshi, si ngombwa kuba umunyamuryango w'isomero kugira ngo usure isomero.